Ku Ntwale,

Ndakubgira ko ugomba kumenyesha abantu bose bahemberwa hano, ali abahembwa na C.A.C. ali n'abandi, ko kuv'ubu bazajya bahembwa iteka le 30 ya buli kwezi. Ntabazongera lero guhembwa le 25 y'ukwezi.

Ndakubgira kandi ko le 29 Juni 1948, hano tuzagira inama y'abatwale hamwe n'ibisonga byose byo Territoire.

Ruhengeri, le 17 Juin 1948

L'Administrateur Territorial, ANTONISSEN,

Ruhengeri
12606

Ku Mtwale,

Ndakubgira ko amategeko Bwana LENS yaboherereje yerekeye ibyo kwicira intoki ali ibintu mugomba gukora,kandi vuba.Ayo mategeko si aya Bwana LENS yihimbiye,ni aya Bwana Gouverneur,yatanzwe kandi kuva kera,hashize nk'imyaka 8 cyangwa 9.

Icyo bayatangiye:

1° Kugira ngo batunganye neza intoki,zishishe,zigire ubutaka bwiza.

2° Kugira ngo babone ahantu heza,hafite ubutaka bwiza bwo guhinga mo ibishyimbo n'indi myaka,nk'amateke.

3° Ibyo gutunganya intoki batyo bizatuma antestia n'imibu bigabanuka.

Ndababgira lero ko mugomba kuzihingisha vuba,izuba litaracana ngo libuze gutabira mo ibishyimbo.

Ruhengeri,le 9 Juin 1948.

L'Administrateur Territorial ,ANTONISSEN,